**<u>ITANGAZO RIREBA ABIFUZA GUSABA INGUZANYO YO KWIGA MURI KAMINUZA Y'U RWANDA (UNIVERSITY OF RWANDA), MU MWAKA W'AMASHURI 2022-2023.</u>**

Ubuyobozi bw'Ikigo gishinzwe Amashuri Makuru na Kaminuza (Higher Education Council) buramenyesha abanyeshuri barangije umwaka wa gatandatu w'amashuri yisumbuye muri 2022, bakaba bifuza gusaba inguzayo yo gutangira kwiga mu mwaka wa mbere mu <u>Kaminuza y'u Rwanda (University of Rwanda), mu mwaka w'amashuri 2022-2023,</u> ibi bikurikira:

1. Gusaba inguzanyo bizakorwa guhera tariki ya 28/03/2023 kugeza ku ya 18/04/2023. Nyuma y'ayo matariki nta busabe bw'inguzanyo buzakirwa.
2. Usaba inguzanyo agomba kuba yaramaze gusaba umwanya (Application for Admission) muri Kaminuza y'u Rwanda (<u>University of Rwanda</u>)
3. Gusaba inguzanyo bikorwa hakoreshejwe umurongo wa interineti ukurikira: https://mis.hec.gov.rw/bursary/Apply-Local-Loan.
4. Usaba inguzanyo agomba kuba afite ibi bikurikira: (a) Kopi y'indangamuntu, (b) Urupapuro rw'amanota yabonye arangiza amashuri yisumbuye (Results Slip).
5. Amazina ari ku ndangamuntu agomba kuba ahuye n'ayo ku rupapuro rw'amanota yabonye arangiza amashuri yisumbuye (Results Slip). Mu gihe bidahuye, agomba kubanza kubikosoza muri NESA cyangwa NIDA mbere yo gusaba inguzanyo.
6. Usaba agomba kuzuza neza: ***nomero y'indangamuntu, nomero yihariye y'umunyeshuri yahawe na Kaminuza y'u Rwanda (reference number), email ye ikora neza kandi yibuka neza umubare w'ibanga (password), nomero ya telefoni.*** Uzabyuzuza nabi ntabwo ubusabe bwe buzasuzumwa.
7. Usaba inguzanyo agomba kuzuza neza amakuru yose asabwa. Ubusabe bwujuje nabi cyangwa butujuje ibisabwa ntabwo buzasuzumwa.
8. **Abemerewe gusaba inguzanyo ni abarangije amashuri yisumbuye muri 2022 gusa.**

Bikorewe i Kigali kuwa 27/03/2023

Mukankomeje Rose

Digitally signed by HEC (Director General)
Date: 2023.03.27 08:28:07 +02'00'

**Dr. Rose MUKANKOMEJE**
Umuyobozi Mukuru